REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'ABAKOZI BA LETA N'UMURIMO

MINISTRY OF PUBLIC SERVICE AND LABOR

REPUBLIC OF RWANDA

IJAMBO RYA NYAKUBAHWA Judith UWIZEYE, MINISITIRI W'ABAKOZI BA LETA N'UMURIMO MU MUHANGO WO KWIBUKA ABARI ABAKOZI BA MINISITERI Y'ABAKOZI BA LETA (MINIFOP) , MINISITERI Y' UMURIMO N'IMIBEREHO MYIZA (MINITRASO) NA MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU N'AMAJYAMBERE YA KOMINI (MININTER) BAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU MWAKA WA 1994

Kacyiru, 08.06.2017

P.O. BOX 403 KIGALI Website: www.mifotra.gov.rw E-mail:info@mifotra.gov.rw Follow us on Twitter: @RwandaLabour

- **Ba Nyakubahwa ba Minisitiri;**
- **Nyakubahwa Umuyobozi Mukuru w'Urwego rushinzwe Abinjira n'Abasoka;**
- **Perezida wa Ibuka;**
- **Munyamabanga Nshingwabikorwa wa CNLG;**
- **Banyamabanga Bahoraho ;**
- **Bavandimwe mwabuze abanyu muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994;**
- **Bashyitsi bahire;**
- **Bakozi mwese muteraniye hano;**

1. **Tumaze gusakaza urumuri rw'Icyizere. Ni icyizere cyo gukomeza kubaho, ni icyizere cy'ejo heza cyane, ni icyizere ko Jenoside itazongera kubaho ukundi. Ni gihamya ko umwijima w'icuraburindi waranze u Rwanda mu gihe na mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994; uwo mwijima wasimbuwe n'urumuri rutazazima.**

2. **Kuva ku itariki ya 07/04/2017, Igihugu cyacu cyatangiye iminsi 100 ngarukamwaka, yo Kwibuka ku nshuro ya 23 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.**

3. **Insanganyamatsiko y'uyu mwaka iragira iti: "Twibuke Jenoside yakorewe Abatutsi, Turwanya Ingengabitekerezo ya Jenoside, Dushyigikira ibyiza Twagezeho".**

P.O. BOX 403 KIGALI Website: www.mifotra.gov.rw E-mail:info@mifotra.gov.rw Follow us on Twitter: @RwandaLabour

4. **Turibuka abahoze ari Abakozi ba Minisiteri 3 zahoze zitwa Minisiteri y'Abakozi ba Leta (MINIFOP), Minisiteri y'Umurimo n'Imibereho Myiza (MINITRASO) na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini (MININTER).**

5. **Abarokotse bo mu miryango y'Abakozi bakoraga muri izo Minisiteri: "Mukomere; Mukomeze muharanire gukomeza kwiyubaka no kugaragaza ko mutaheranwe n'agahinda mwatewe no kubura Ababyeyi, Abana n'Abavandimwe".**

6. **Nyakubahwa Paul Kagame, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda yaduhaye ubutumwa bukomeye agira ati: *"Ibyabaye ntitwashoboye kubikumira. Byarabaye, ntitwabisubiza inyuma. Ariko uyu munsi twagira icyo dukora. Icyo dushobora gukora ubu, ni ukwiyemeza ko bitazongera kubaho ukundi. Nta bantu bazongera gutotezwa".***

7. **Uyu n'umwanya wo gukomeza kuzirikana ubutwari bw'ikirenga bwaranze Ingabo zari iza RPA zahagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi ziyobowe na Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, kandi bukomeje kuranga ingabo z'u Rwanda.**

8. **Ubwo butwari bwatweretse ko kurwanya ikibi bishoboka.**

***P.O. BOX 403 KIGALI Website**: www.mifotra.gov.rw **E-mail**:info@mifotra.gov.rw Follow **us on Twitte**r: @RwandaLabour*

9. Ijambo ritazibagirana Inkotanyi zabwiraga abo zarokoraga rigira riti: “Nimuhumure ntacyo mukibaye”.

10. Iri Jambo ryatanze ikizere cyo kubaho ku Banyarwanda bose.

11. Icyo kizere cyo kubaho gikomeze kiduhe imbaraga zo guharanira ejo heza hazaza.

12. Ari ubutumwa bwa Perezida wa IBUKA, ari n’ubwa NGARAMBE Louis, uhagarariye imiryango y’abazize Jenoside yakorewe Abatutsi, Umuvugo wa MUKAKALISA, ndetse n’indirimbo zinyuranye twumvise za MUNYANSHOZA bishimangira ko icyo kizere gihari n’ubwo n’ibibazo bikigarara birimo ingengabitekerezo ya Jenoside.

13. Mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside, dukwiye gukomeza ingamba Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CNLG yagarutseho mu Kiganiro yaduhaye, buri wese akabigiramo uruhare.

14. Ubuhamya Ambasaderi Valens MUNYABAGISHA yaduhaye ku mateka yaranze izi Minisiteri mu gihe cya Jenoside na mbere yayo butwigisha byinshi dukwiye guhora turwanya.

P.O. BOX 403 KIGALI Website: www.mifotra.gov.rw E-mail:info@mifotra.gov.rw Follow us on Twitter: @RwandaLabour

15. **Abakozi ba Leta iyo bagira ubutwari bari gukumira ko Jenoside ibaho kuko bagiraga uruhare mu gushyiraho politike no kuzishyira mu bikorwa. Ariko birababaje ko bamwe mu bakozi ba Leta, bahembwaga imisoro y'abaturage, bagize uruhare mu ishyirwaho rya za politike z'ivangura, bazishyira no mu bikorwa, kandi bakora Jenoside.**

16. **Ndasaba abakozi ba Leta muri rusange n'ab'izi Nzego by'umwihariko gukomeza ingamba zo guhindura amateka mabi yaranze bamwe mu Bakozi ba Leta bagize uruhare mu kwimika ivangura rishingiye ku moko kandi bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi.**

17. **Ndasaba Abakozi bose kurangwa n'indangagaciro zikwiye kuranga Umukozi uwo ari we wese yaba Umukozi wa Leta cyangwa Uwikorera zirimo kwirinda no kurwanya ivangura iryo ari ryo ryose; kurwanya akarengane; kwirinda amakimbirane; kwiyubaha, kubaha abandi, gukorera mu mucyo no guharanira ubumwe n'ubwiyunge.**

18. **Ndabasaba ko, mu gihe mwuzuza inshingano mufite mu mirimo mushinzwe, muhora muzirikana icyagirira u Rwanda n'Abanyarwanda akamaro.**

***P.O. BOX 403 KIGALI Website**: www.mifotra.gov.rw **E-mail**:info@mifotra.gov.rw Follow **us on Twitte**r: @RwandaLabour*

19. Ndabasaba ko mukomeza guhura mukaganira kuri Gahunda ya NdumunyaRwanda kandi mugakomeza gushyigikira ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge nkuko tumaze iminsi tubigarukaho hirya no hino mu Turere hashyirwaho Ihuriro ry'Ubumwe n'Ubwiyunge muri buri Karere.

20. Imyaka 23 ishize Jenoside ikorewe Abatutsi ibaye; hari byinshi Igihugu cyacu cyagezeho, tugomba gusigasira.

21. Kubisigasira bidusaba kumenya icyo dushaka nk'Abanyarwanda no guhitamo igikwiye.

22. Biradusaba kwihesha agaciro, biradusaba kwigira, biradusaba gukora cyane tugamije kwiteza imbere; biradusaba ubumwe, biradusaba guharanira ikiza no kurwanya ikibi icyo ari cyo cyose.

23. Mu gihe twegereje igihe cyo kongera kwitorera Umukuru w'Igihugu cyacu; mu kwezi kwa munani uyu mwaka, gusigasira ibyagezweho bidusaba kandi guhitamo neza, tugatora neza.

24. Bityo Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika agakomeza kutubera Umusingi w'ibyiza tumaze kugeraho.

***P.O. BOX 403 KIGALI Website**: www.mifotra.gov.rw **E-mail**:info@mifotra.gov.rw Follow **us on Twitte**r: @RwandaLabour*

25. Mu gusoza ndongera gushimira buri wese waje kwifatanya natwe. Mwakoze cyane.

26. Dukomeze tube hafi Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi kuko Jenoside yabagizeho ingaruka zikomeye mu buryo bwihariye.

27. Twite ku mpfubyi; abapfakazi n'incike za Jenoside.

28. Dukomeze tube hafi imiryango y'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi bakoreraga izi Minisiteri. Tubakomeze, Tubafate mu mugongo.

29. Dukomeze Twibuke Jenoside yakorewe Abatutsi, Turwanya Ingengabitekerezo ya Jenoside, Dushyigikira Ibyiza byinshi Tumaze kugeraho.

30. Murakoze.

31. Mugire Amahoro.

***P.O. BOX 403 KIGALI Website**: www.mifotra.gov.rw **E-mail**:info@mifotra.gov.rw Follow **us on Twitte**r: @RwandaLabour*